Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
**Akarere ka Nyarugenge**

**ITANGAZO**

Hashingiwe ku ibaruwa NO. O/Ref:Imbuto/dg/es/2025/319 yo ku wa 05/08/2025 Imbuto Foundation ibinyujije muri Edified Generation Scholarship Programme bandikiye Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyarugenge bamusaba gutoranya abanyeshuri 20 bo mu miryango itishoboye badafite ubushobozi bwo kwiyishyurira amafaranga y'ishuri. Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyarugenge buramenyesha ko Imbuto Foundation binyuze muri Edified Generation Scholarship Programme izafasha abanyeshuri batishoboye kwishyurirwa amashuri;
Abanyeshuri bazafashwa bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

- Kuba yiga mu kigo cya Leta cyangwa igifatanya na Leta ku bw'amasezerano *(Boarding and Day schools);*
- Kuba yiga mu kiciro cya mbere n'icyakabiri cy'amashuri yisumbuye *(Ordinary level, upper secondary- General Education);* amashuri y'imyuga n'Ubumenyingiro *(TVET),* n'Ikigo nderabarezi *(Teacher Training College TTC)* biri mu Karere ka Nyarugenge;
- Kuba yarabonye nibura amanota ku mpuzandengo ya 70% ku ndangamanota isoza umwaka w'amashuri wa 2024-2025;
- Kuba afite icyangomba kigaragaza imyitwarire myiza n'ikinyabupfura *(Demonstrate good conduct and a positive disciplinary record);*
- Kuba nta bundi bufasha ahabwa mu myigire *(Not be a current recipient of any other scholarship),*

<u>Icyitonderwa</u> :

- Ababyeyi barasabwa kwihutira kugeza ubusabe bwabo ku kigo cy'amashuri umwana yigaho;
- Ibigo by'amashuri birasabwa kugaragaza urutonde rw'abanyeshuri batishoboye bakeneye gufashwa bujuje ibisabwa byavuzwe haruguru bikarugeza ku biro by'ubunyamabanga bw' Akarere bitarenze tariki 18/08/2025.

Bikorewe Nyarugenge ku wa 18/08/2025

INGANGARE Alexis
Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Nyarugenge

Akarere ka Nyarugenge B.P. 1092 Kigali | Hotline: 4025 | Info@nyarugenge.gov.rw |
www.nyarugenge.gov.rw

Scanné avec CamScanner